

# REPUBULIKA Y'U RWANDA



## IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE KUGENZURA INZEGO ZIMWE Z'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO (RURA)

P.O BOX 7289 KIGALI, Tel: +250 252584562, Fax : +250 252584563

Email: [arms@rwanda1.com](mailto:arms@rwanda1.com)

Website: [www.rura.gov.rw](http://www.rura.gov.rw)

### **ICYEMEZO N°008/WASAN-RURA/2012 CYO KUWA 08 KAMENA GISHYIRAHU IBICIRO BYO GUKUSANYA NO GUTWARA IMYANDA MU NGO ZO MU MIRENGE IGIZE UTURERE TUGIZE UMUJYI WA KIGALI**

Inama Ngenzuramikorere y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura Inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro mu nama yayo yo kuwa 08/06/2012;

Ishingiye ku Itegeko N° 39/2001 ryo kuwa 13/09/2001 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro, kandi ishingiye no ku mabwiriza agenga ikusanya n'itwara ry'imyanda

Imaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda mu ngo zo mu mirengi igize uturere tw'umujiyi wa Kigali;

Nyuma yo kubona ibyavuye mu nama nyunguranabitekerezo y'inzego zirebwa n'ikusanya n'itwara ry'imyanda, ku nyigo y'ibiciro, mu nama yabaye kuwa 22 Gicurasi 2012;

Inama Ngenzuramikorere imaze kubisuzuma no kubyunguranaho ibitekerezo;

**Yemeje :**

### **Ingingo ya 1 : Ikigamijwe n’iki cyemezo**

Iki cyemezo kigamije gushyiraho ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda iva mu ngo zo mu mirenge igize uturere tw’ Umujyi wa Kigali.

### **Ingingo ya 2: Ibyiciro by’ingo**

Igiciro cyo gukusanya no gutwara imyanda mu ngo kiri mu byiciro 3 aribyo:

Icyiciro cya 1: kigizwe n’ingo zikennye

Icyiciro cya 2:kigizwe n’ingo zifashije

Icyiciro cya 3: kigizwe n’ingo zikize

Urutonde rw’ingo zikennye, izifashije n’izikize, rwatanzwe n’ubuyobozi bw’uturere tugize Umujyi wa Kigali hakurikijwe urutonde rw’ibyciro by’ubwisungane mu kwivuzza bya “Mutuelle de santé”.

### **Ingingo ya 3: Ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda ku kwezi mu ngo zo mu mirenge igize Akarere ka Nyarugenge**

Ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda ku kwezi mu ngo zo mu mirenge igize Akarere ka Nyarugenge bishyizweho ku buryo bukurikira:

UMURENGE	IBICIRO (FRW) BYUNGANIRANYE KU KWEZI KU MIFUKA IBIRI MU CYUMWERU KURI BURI RUGO		
	Ingo zikennye	Ingo zifashije	Ingo zikize
Mageragere	2,300	4,600	6,900
Kanyinya	2,000	4,100	6,100
Nyamirambo	2,000	3,900	5,900
Kigali	2,100	4,100	6,200
Kitega	1,900	3,800	5,700
Rwezamenyo	1,800	3,600	5,500
Nyakabanda	1,900	3,800	5,600
Muhima	1,800	3,700	5,500
Nyarugenge	1,800	3,600	5,300
Kimisagara	1,900	3,700	5,600

**Ingingo ya 4 :** Ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda ku kwezi mu ngo zo mu mirenge igize Akarere ka Kicukiro Ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda ku kwezi mu ngo zo mu mirenge igize Akarere ka Kicukiro bishyizweho ku buryo bukurikira:

UMURENGE	IBICIRO (FRW) BYUNGANIRANYE KU KWEZI KU MIFUKA IBIRI MU CYUMWERU KURI BURI RUGO		
	Ingo zikennye	Ingo zifashije	Ingo zikize
Gahanga	1,800	7,500	11,200
Gatenga	1,200	5,100	7,700
Gikondo	1,000	4,000	6,000
Kagarama	1,800	3,700	5,500
Kanombe	1,900	3,900	5,800
Kicukiro	1,900	3,900	5,800
Kigarama	1,900	3,700	5,600
Masaka	2,100	4,300	6,400
Niboye	1,800	3,600	5,400
Nyarugunga	2,200	4,300	6,500

**Ingingo ya 5 : Ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda ku kwezi mu ngo zo mu mirenge igize Akarere ka Gasabo** Ibiciro byo gukusanya no gutwara imyanda ku kwezi mu ngo zo mu mirenge igize Akarere ka Gasabo bishyizweho ku buryo bukurikira:

UMURENGE	IBICIRO (FRW) BYUNGANIRANYE KU KWEZI KU MIFUKA IBIRI MU CYUMWERU KURI BURI RUGO		
	Ingo zikennye	Ingo zifashije	Ingo zikize
Bumbogo	2,200	4,400	6,500
Gikomero	2,000	3,900	5,900
Rusororo	1,900	3,800	5,700
Jabana	1,700	3,300	5,000
Ndera	1,800	3,700	5,500
Kinyinya	1,800	3,500	5,300
Kimihurura	1,700	3,400	5,200
Remera	1,700	3,400	5,200
Rutungu	2,000	3,900	5,900
Jali	1,900	3,900	5,800
Nduba	1,700	3,300	5,000
Kimironko	1,700	3,300	5,000
Kacyiru	1,700	3,300	5,000
Gisozi	1,700	3,500	5,200
Gatsata	1,700	3,400	5,100

## **Ingingo ya 6: Igihe cy'ikusanya n'itwarwa ry'imyanda mu ngo**

Buri rugo ruzajya rutwarirwa imyanda inshuro imwe mu cyumweru zingana n'inshuro enye ku kwezi kandi rugatwarirwa imifuka ibiri y'ibishingwe.

## **Ingingo ya 7: Igiciro cy'umufuka w'inyongera**

Mu gihe urugo rusabye ko ukora umurimo wo gukusanya no gutwara imyanda arutwarira imifuka irenze ibiri ku cyumweru, igiciro cya buri umufuka wiyongera, kiboneka hakoreshejwe igiciro cyo ku kwezi kugabanya kabiri, cyiyongera ku giciro cya buri kwezi.

## **Ingingo ya 8: Igiciro cy'inshuro zirenze imwe buri cyumweru**

Mu gihe urugo rusabye ko ukora umurimo wo gukusanya no gutwara imyanda arutwarira inshuro zirenze imwe buri cyumweru, igiciro cy'inshuro yiyongeraho kuri buri cyumweru, kingana n'igiciro cyishyurwa ku kwezi, kiyongera ku giciro cya buri kwezi.

## **Ingingo ya 9: Imifuka yo gukusanyirizamo imyanda**

Iki giciro ntigikubiyemo ikiguzi cy'imifuka yo gukusanyirizamo imyanda. Buri rugo rufite inshingano zo gutegura imifuka ibiri yo kubikamo imyanda ivanguye.

## **Ingingo ya 10: Imisoro ikubiye mu giciro**

Iki giciro gikubiyemo imisoro n'amafaranga yose asabwa mu Rwanda usibye umusoro ku nyongeragaciro(VAT/TVA).

## **Ingingo ya 11 :Iyubahirizwa ry'iki cyemezo**

Umuyobozi Mukuru wa RURA asabwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iki cyemezo, kandi kigomba gutangazwa mu binyamakuru, kuri Radiyo, Televiziyo, no ku rubuga rwa Internet rwa RURA.

## **Ingingo ya 12 : Ivanwaho ry'ingingo**

Ingingo zibanziriza iki cyemezo kandi zinyuranije nacyo zivanyweho.

**Ingingo ya 13 : Ishyirwa mu bikorwa ry'iki cyemezo**

Iki cyemezo kizatangira gushyirwa mu bikorwa kimaze gushyirwaho umukono na Perezida w'Inama Ngenzuramikorere.

**Bikorewe i Kigali kuwa 08 Kamena 2012**

**KAZIGE Eugène  
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere**

(Sé)